

**ARRETE PRESIDENTIEL No 291/11 DU 15 MAI 1987
PORTANT MODIFICATION DE L'ORDONNANCE No
52/443 DU 21 DECEMBRE 1952 RELATIVE AUX MESU-
RES PROPRES A PROTEGER LES SOURCES, NAPPES
AQUIFERES SOUTERRAINES, LACS ET COURS D'EAU,
A EMPECHER LA POLLUTION ET LE GASPILLAGE DE
L'EAU ET A CONTROLER L'EXERCICE DES DROITS
D'USAGE ET DES DROITS D'OCCUPATION CONCEDES.**

Nous, HABYARIMANA Juvénal,
Président de la République.

Vu le décret du 31 juillet 1912 portant code civil, livre II, tel que modifié et complété à ce jour, spécialement en son article 19;

Vu le décret du 6 mai 1952 relatif aux concessions et à l'administration des eaux des lacs et des cours d'eau, spécialement en son article 8;

Revu l'ordonnance No 52/443 du 21 décembre 1952 relative aux mesures propres à protéger les sources, nappes aquifères souterraines, lacs et cours d'eau, à empêcher la pollution et le gaspillage de l'eau et à contrôler l'exercice des droits d'usage et des droits d'occupation concédés, telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article premier;

Sur proposition de Notre Ministre des Travaux Publics et de l'Energie et de Notre Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal et après avis du Conseil du Gouvernement en sa séance du 27 février 1987,

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

ARTICLE PREMIER.

L'article premier de l'ordonnance No 52/443 du 21 décembre 1952 relative aux mesures propres à protéger les sources, nappes aquifères souterraines, lacs et cours d'eau, à empêcher la pollution et le gaspillage de l'eau et à contrôler l'exercice des droits d'usage et des droits d'occupation concédés, est modifié comme suit :

«a) Sans préjudice des dispositions légales en vigueur en matière de déforestation sur les terrains en pente et à proximité des sources et des cours d'eau et en matière de lutte anti-érosive, quiconque désire entreprendre des travaux ou se livrer à des aménagements de terrain susceptibles de compromettre le débit ou l'existence des sources, de la nappe aquifère, des lacs ou des cours d'eau, est tenu de solliciter au préalable l'autorisation du Préfet.

Celui-ci, après avis de la Commission préfectorale des eaux, refuse ou accorde cette autorisation essentiellement révocable; il peut subordonner l'octroi de celle-ci à telles conditions qu'il estime convenables.

ITEKA RYA PEREZIDA No 291/11 RYO KUWA 15 GICURASI 1987 RIHINDURA ITEGEKO No 52/443 RYO KUWA 21 UKUBOZA 1952 RYEREKEYE IBYEMEZO BIBONEYE BYO KURINDA AMASOKO, IBIYAGA N'IMIGEZI, KUBUZA KWANDUZA AMAZI NO KUYANGIZA, KIMWE NO KUGENZURA UBURYO N'UBURENGANZIRA BWO KUYAKOresha.

Twabwwe HABYARIMANA Yuvénali,
Perezida wa Repubulika,

Tumaze kubona iteka ryo kuwa 31 Nyakanga 1912 rishyiraho amategeko nibonezamubano, igitabo cya II, nk'uko yahinduwe kandi yujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yayo ya 19;

Tumaze kubona iteka ryo kuwa 6 Gicurasi 1952, ryerekeye uburyo bwo guhabwa no gukoresha amazi y'ibiyaga n'imigezi, cyane cyane mu ngingo yayo ya 8;

Twongeye kubona itegeko No 52/443 ryo kuwa 21 Ukubozza 1952 ryerekeye ibyemezo biboneye byo kurinda amasoko, amazi ari mu butaka, ibiyaga n'imigezi, kubuza kwanduza amazi no kuyangiza kimwe no kugenzura uburyo n'uburenganzira bwo kuyakoresha, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yayo ya mbere;

Tubisabwwe na Minisitiri Wacu w'Imirimo ya Leta n'Ingufu na Minisitiri Wacu w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kandi tumaze kumva icyifuzo cy'Inama ya Guverinoma yateranye kuwa 27 Gashyantare 1987,

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :

INGINGO YA MBERE.

Ingingo ya mbere y'itegeko No 52/443 ryo kuwa 21 Ukubozza 1952 ryerekeye ibyemezo biboneye byo kurinda amasoko, amazi ari mu butaka, ibiyaga n'imigezi, kubuza kwanduza amazi no kuyangiza kimwe no kugenzura uburyo n'uburenganzira bwo kuyakoresha, ihinduwe itya :

«a) Bitanyuranyije n'amategeko akurikizwa ubu yerekeye gutema amashyamba ku misozi ihanamye n'ahantu hegereye amasoko n'imigezi kimwe n'amategeko yerekeye kurwanya isuri, umuntu wese wifuzaga gukora imirimo yatuma amazi y'amasoko, amazi ari mu butaka, amazi y'ibiyaga cyangwa imigezi agabanyuka cyangwa agakama, agombye mbere na mbere kubibonera uruhushya rwa Perezida.

Perezida, amaze kumva icyifuzo cy'Inama ya Perezagitura ishinze amazi, ashobora gutanga cyangwa kudatanga urwo ruhushya rushobora gusubirwa; kugira ngo urwo ruhushya rutangwe, abanza gushyiraho ibya ngombwa bikurikizwa.

b) Est tenu également de solliciter une autorisation préalable, quiconque désire, sans effectuer les travaux ou aménagements de terrain prévus au littéra précédent, utiliser l'eau dans les régions nommément désignées par le Préfet sur avis de la Commission préfectorale des eaux parmi :

1° les régions déclarées saturées ou sursaturées au point de vue foncier;

2° les régions pauvres en ressources hydrauliques;

3° les régions où, les besoins étant exceptionnels, l'utilisation de l'eau doit être contingentée.

Toutefois, l'usage restreint de l'eau pour des besoins d'ordre alimentaire ou hygiénique n'est pas soumis à cette autorisation.

c) Est tenu également de solliciter une permission quiconque désire effectuer en tous lieux tous travaux de prise d'eau, des sources et des nappes aquifères souterraines ainsi que tous travaux de distribution de ladite eau à des fins agricoles, industrielles ou domestiques par le moyen d'installations ou ouvrages publics ou privés.

La demande de permission est soumise à l'examen du Comité communal de l'eau. Elle est accordée par le Ministre qui a l'hydraulique dans ses attributions ou son délégué.

La permission est délivrée sous la condition de respecter les conditions qu'elle énonce.

Cette autorisation essentiellement précaire, ne confère au requérant qu'une simple faculté d'utiliser l'eau demandée.

d) Quiconque fait des travaux, des aménagements ou utilise l'eau en violation du présent article sera puni d'une peine d'emprisonnement de quinze jours au maximum et d'une amende qui n'excède pas 1.000 francs ou d'une de ces peines seulement, sans préjudice des dommages-intérêts à payer éventuellement aux autres usagers des eaux en cause, ainsi qu'à la suspension ou à la déchéance éventuelle de l'autorisation accordée».

ART. 2.

Notre Ministre des Travaux Publics et de l'Energie et Notre Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

ART. 3.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 15 mai 1987.

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major.

b) Umuntu wese kandi, n'ubwo yaba atazakora imirimo iteganywa mu gika kibanziriza iki, wifuza gukoresha amazi yo mu turere twavuzwe na Perefe, amaze kumva icyifuzo cy'Inama ya Perefegitura ishinze amazi, abanza mbere na mbere kubibonera uruhushya :

1° mu turere bavuga ko duhingwamo cyane cyangwa ku buryo bukabije;

2° mu turere tudafite amazi ahagije;

3° mu turere amazi agomba gusaranganywa kubera imirimo myinshi ihakorerwa.

Ariko kandi, amazi akenerwa mu guteka cyangwa kwisukura ntiyakirwa urwo ruhushya.

c) Umuntu wese kandi wifuza gukora ahantu aho ari hose, imirimo yo gufata amazi y'amasoko, amazi ari mu butaka, kimwe n'imirimo yose yo gukwirakwiza amazi mu mirima cyangwa mu ngo yifashishije ibikoresho bahubutse byaba ibya Leta cyangwa abantu ku giti cyabo.

Gusaba uruhushya bishyikirizwa inama ya Komini ishinze amazi kugira ngo ibisuzume. Rutangwa na Minisitiri ushinze amazi cyangwa intumwa ye.

Uruhushya rutangwa habanje kwerekanwa ibyangombwa rusaba.

Ubwu burenganzira buha uwabusabye uburyo bwo gukoresha gusa amazi yatse.

d) Umuntu wese ukora imirimo yo gutunganya ubutaka cyangwa ukoresha amazi anyuranyije n'iyi ngingo ahanishwa igihano cyo gufungwa iminsi 15 ntarengwa n'ihazabu itarengeje amafaranga 1.000 cyangwa kimwe muri ibyo bihano gusa, bitabujije gutanga indishyi z'akababaro ku bandi bakoresha ayo mazi, kimwe no guhagarika cyangwa kwamburwa uburenganzira yahawe».

INGINGO YA 2.

Minisitiri Wacu w'Imirimo ya Leta n'Ingufu na Minisitiri Wacu w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bashinzwe kubahiriza iri teka.

INGINGO YA 3.

Iri teka rizatangira gukurikizwa ku munsu rizatangariwaho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 15 Gicurasi 1987